No 230 Septembre 2020

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA


## IMITWE YA POLITIKI YAMURIKIWE INYANDIKO IZAJYA YIFASHISHWA N'URWEGO RUSHINZWE IGENZURA RY'UMUTUNGO MU

Iki ni igikorwa cyabaye tariki ya 11 Nzeri 2020 mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, ku bufatanye bw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) n'Urwego rw'Umuvunyi.
Iyi nyandiko ikaba yateguwe hashingiwe ku myanzuro yafatiwe mu mahugurwa yabaye tariki ya 18 Ukwakira 2019, abagize Urwego Rushinzwe igenzura ry'umutungo n'imari mu Mutwe wa Politiki basabye ko, hategurwa inyandiko ngenderwaho izajya yifashishwa n'abagize uru Rwego mu kugenzura imicungire n'imikoreshereze y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki.

Mu nama yo kumurika iyi nyandiko hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga rya WEBEX, ikaba yaratumiwemo abantu mirongo itanu na batanu /55 (baturuka mu Mitwe ya Politiki yose iri mu Ihuriro.



Mu ijambo ry'ikaze, Bwana KANGWAGYE Justus, Umuyobozi Mukuru w'ishami rishinzwe Imitwe ya Politki, n'Imiryango itari iya Leta, yashimiye Inzego zagize uruhare mu gutegura inyandiko izajya yifashishwa n'abagize Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki.
Avuga ko RGB isanzwe ifite inshingano yo kwandika Imitwe ya Politiki, ikaba ikorana kenshi n'Ihuriro muri gahunda zo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki irigize. Yagaragaje ko kugira inyandiko nk'iyi bizafasha uru Rwego rushya gushobora kurangiza inshingano zarwo, bakazikora bafite aho bahera, kugira ngo n'inama batanga ku buyobozi, zibe zifite aho zishingiye mu rwego rwa tekiniki ijyana n'imicungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald, wafunguye iyi nama, yashimiye abayitabiriye, yibutsa ko yateguwe ku bufatanye bw'Inzego eshatu (Ihuriro, RGB, n'Urwego rw'Umuvunyi). Yibukije kandi ko Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutungo mu Mutwe wa Politiki ruteganywa n'ingingo ya 14 (agace ka 4) y'Itegeko Ngenga n° 10/2013 OL ryo ku wa 11/7/2013 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu (Itegeko Ngenga n° 005/2018 OL ryo ku wa 30/8/2018 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki).
Ihuriro, RGB, n'Urwego rw'Umuvunyi bakaba barateguye iyi nama kugira ngo, hasobanurwe ibikubiye mu nyandiko yateguwe.
Yibukije na none ko amategeko agenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki abasaba kwitwararika cyane ku birebana n'imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki kuko aba ari umutungo wa rubanda.

Yashoje ashimira abafatanyabikorwa (RGB, n'Urwego rw'Umuvunyi) bafatanyije n'Ihuriro kugira ngo iyi nyandiko itegurwe, yashimiye Itsinda ryateguye iyi nyandiko, anashimira kandi Imitwe ya Politiki yiteguye gufasha Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutungo mu Mutwe wa Politiki kurangiza neza inshingano zarwo.

Abatanze ibiganiro bavuze ko ibikubiye muri iyi nyandiko ari intego z'inyandiko, amahame ngenderwaho mu micungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki, inshingano z'urwego rushinzwe igenzira ry'umutungo. Muri iyi nyandiko kandi harebwe imiterere y'ubugenzuzi bukorwa mu Mutwe wa Politiki. Hanarebwa imikoranire y'Urwego rushinzwe igenzura n'izindi nzego.
Mu kungurana ibitekerezo ku bikubiye muri iyi nyandiko, abari mu nama bashimye inyandiko yateguwe kuko ikubiyemo iby'ingenzi bizafasha abagize Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki kurangiza neza inshingano zabo.
Bashimye kandi ko iyi nyandiko izafasha Imitwe ya Politiki gukomeza gukorera mu mucyo no kubahirizwa amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo, by'umwihariko gukomeza kunoza raporo zitangwa k' Urwego rw'Umuvunyi no kuri RGB; raporo zitangwa bitarenze tariki ya 30 Nzeri buri mwaka.

Abari mu nama basanze raporo y'igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki ari raporo y'imbere mu Mitwe ya Politiki, ko kandi itafatwa kimwe na raporo ziteganywa n'amategeko zishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi na RGB, ko ahubwo ari raporo ifasha Umutwe wa Politiki kurushaho kunoza imicungire, ikaba yanashingirwaho mu gihe Umutwe wa Politiki utegura raporo zishyikirizwa inzego zavuzwe.




Asoza iyi nama, Madamu MWISENEZA KAREKEZI Jeanne D'Arc, intumwa y'Urwego rw'Umuvunyi, yashimye uburyo inama yagenze neza, abayitabiriye bakaba, batanze ibitekerezo bifasha mu kunoza inyandiko, kandi bakagaragaza ko bashimye ibiyikubiyemo.

Yavuze ko nk'Urwego rw'Umuvunyi bizeye ko inyandiko yateguwe izafasha Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro gukomeza kunoza raporo zishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi asaba ko raporo zishyikirizwa urwo rwego zajya zitangwa kare kugira ngo n'inama Urwego rw'Umuvunyi rugira Imitwe ya Politiki zishobore kuyifasha kunoza ibigomba kunozwa.

Yashimye ubufatanye bwagaragaye hagati y'Ihuriro, RGB, n'Urwego rw'Umuvunyi, kugira ngo iyi nyandiko ishobore gutegurwa.

## IHURIRO RYASHYIZEHO ABASENATERI N'ABAVUGIZI BASHYA BARYO



Kuri uyu wa kane, tariki ya 24 Nzeri 2020, muri Hotel LEMIGO iri mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali hateranye inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUNYANGEYO Theogene.

Iyi nama yemeje raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2019-2020; yemeza kandi raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2019-2020;

Abagize iyi nama banasuzumye umushinga w'ivugururwa ry'igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'imicungire y'umutungo by'Ihuriro; itanga umurongo uzitabwaho ku ivugururwa ryacyo; mbere y'uko cyongera gushyikirizwa Inama Rusange kugira ngo icyemeze.

Nyuma y'umwaka hashyizweho Abasenateri babiri aribo Senateri NKUSI Juvenal na Senateri MURANGWA NDANGIZA Hadidja, muri iyi nama, hashyizweho kandi abandi basenateri babiri nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 aribo **Madamu MUKAKARANGWA Clotilde** na **Bwana MUGISHA Alexis**.



Aba basenateri batowe bazasimbura **Senateri MUKAKALISA Jeanne** na **Senateri UYISENGA Charles** barangije manda.

Iyi nama kandi yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro; ku mwanya w'Umuvugizi, hatowe **Senateri UWERA Pélagie** uturuka mu Ishyaka PSD; ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, hatowe **Bwana NDAHAYO Jean Berchmas,** uturuka mu Ishyaka PPC. Batowe basimbura ku mwana w'Umuvugizi **Depite MUNYANGEYO Theogene** uturuka mu Ishyaka PL na Madamu **MUSANABAGANWA Eugenie** uturuka mu Ishyaka PSP ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

## ABAVUGIZI BASHYA BIYEMEJE GUKOMEZA GUTEGURA IBIGANIRO BYA POLITIKI



Nyuma yo gushyirwaho, kuwa gatatu tariki ya 30 Nzeri 2020 ku Cyicaro cy'Ihuriro, hakozwe ihererekanyabubasha hagati y'abavugizi bashya n'Abavugizi bacyuye igihe. Abagize Biro nshya basabwe gukomeza kwita kubyo Biro icyuye igihe itabashije kugeraho, birimo gukomeza gushaka abafatanyabikorwa batera inkunga ibikorwa binyuranye by'Ihuriro, Gukomeza gutegura ibiganiro bya politiki n'amahugurwa yo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki, no gukomeza gushaka uko Ihuriro ryagira inyubako yaryo ryakoreramo ridakodesha n'ibindi.

Muri uyu muhango w'Ihererekanyabubasha, Umuvugizi ucyuye igihe **Depite MUNYANGEYO Theogene** yashimye imikoranire yaranze Biro n'abakozi b'Ihuriro, avuga ko inshingano zabo zitagerwaho badakoranye bya hafi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa. Mu ijambo rye kandi, yabwiye abagize Biro nshya ko mu gihe cya manda yabo nubwo hari imbogamizi zatewe n'icyorezo cya COVID-19, bakoze ibikorwa byinshi birimo gutegura no kuyobora Inama Rusange, iza Biro, gukurikirana itangwa ry'amahugurwa y'abayoboke b'Imitwe ya Politiki, gukurikirana ivugururwa ry'Igitabo cy'Uburyo b'Imiyoborere n'Icyingamutungo by'Ihuriro n'ibindi.

**Depite MUNYANGEYO Theogene** yashyikirije Biro nshya inyandiko zitandukanye zirimo ibyemezo by'inama z'Inama Rusange z'Ihuriro zateranye kuri manda yabo na Raporo y'ibikorwa bya Biro byagezweho mu gihe cya manda yabo kuva bajyaho mu Kwakira 2019.

Abagize Biro bashya bashimye akazi kakozwe n'abo basimbuye, bizeza ko bazakomeza guhanahana amakuru mu nyungu rusange z'Ihuriro.



Bijeje kandi ko bazakomeza gukora ibikorwa biteza imbere Ihuriro cyane cyane bashyira imbere inshingano zabo zirimo guteza imbere ibiganiro bya politiki, gukurikirana itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'amahugurwa agenerwa abayoboke b'Imitwe ya Politiki, no gutegura no kuyobora inama z'Inama Rusange z'Ihuriro, iza Biro n'izindi ziri mu nshingano zayo.